



MINISITERI Y'UBUHINZI  
N'UBWOROZI



IKIGO CY'IGIHUGU GISHIINZWE GUTEZA  
IMBERE UBUHINZI N'UBWOROZI (RAB)



Investing in rural people

# KWITA KU ISUKU Y'AMATA N'IBIYAKOMOKAHO



AGATABO K'UMWOROZI

Rwanda Dairy Development Project (RDDP)



**IGICE CYA**

**1**

# **KWITA KU ISUKU Y'AMATA N'IBIYAKOMOKAHO**

Amata meza akamwa ku nka ifite ubuzima bwiza. Isuku nke ituma amata ajoyamo udukoko tugatuma yangirika vuba. Kugirango amata adatunganyije amare igihe kirekire atangiritse ni ngombwa kwita ku isuku bihagije mu gihe cyo gukama no mu gukora indi mirimo yose ijyana no gutegura amata nyuma yo gukama.



## IBINTU BIGIRA URUHARE RUNINI MU GUHINDURA UBWIZA BW'AMATA

### 1. BYO INKA ZIGABURIRWA

Inka igaburirwa ibiryo bisanzwe bizwi ko nta kibazo bitera ku ireme n'impumuro y'amata. Umworozi agomba kwirinda kugabura ibiryo byose bizana impumuro mbi mu mata (amababi y'ibitunguru, ibirayi, ...).

“ Si byiza kugaburira inka ibyatsi bibisi mugihe urimo kuyikama kubera ko bishobora guhindura uburyohe n'impumuro by'amata. Ushobora kugaburira inka ibyatsi bibisi amasaha abiri mbere yo gukama. ”





## 2. UBUZIMA BW'INKA

Inka zigomba guhorana ubuzima bwiza kandi zikagirirwa isuku igihe cyose kubera ko inka irwaye ishobora kwanduza indwara binyuze mu mata ikamwa (ifumbi, amakore, igituntu, ...).

Iyo ukeka ko inka yawe irwaye, wihutira gushaka umuganga w'amatungo kugira ngo ivurwe kandi ugirwe inama. Mu gihe inka ikamwa irimo kuvurishwa imiti y'ubwoko bwa **“antibiyotiki”**, amata yayo ntagomba kugurishwa cyangwa kunyobwa kugeza igihe cyateganyijwe cy'umuti iterwa kirangiye .

1. Ibisigazwa by'imiti y'amatungo bitera igihombo ku nganda zitunganya amata. aho antibiotique zica imvuzo

2. Ibisigazwa by'imiti y'amatungo bigira ingaruka ku buzima bw'abantu nubw'amatungo aho usanga hari imiti myinshi itakibasha kuvura bityo uburwayi bukamara igihe kirekire .



**IGICE CYA**

**2**

## **ISUKU MU GUKAMA**



Ni ngombwa cyane kuzirikana ko ubwiza bw'amata butangirira aho inka zororerwa. Iyo ubyubahirije, amata ntajyamo udukoko twinshi dutuma ashobora kwangirika akaba yanatera indwara.

Mu rwengo rwo kubungabunga ubwiza bw'amata n'ubuzima bw'abayanywa, tugomba gukurikiza amabwiriza y'isuku igihe dukama. Tugomba gukurikiza ibibukurikira.



- ◆ Inka zacu zigomba guhora zifite ubuzima bwiza kandi zifite isuku.
- ◆ Amatungo arwaye ashobora kwanduza abantu binyuze mu kunywa amata yazo yanduye.



Aho dukamira hagomba guhora iteka hafite isuku, ntihagomba kuba ivumbi cyangwa icyondo, Ibishingwe n'amase ahantu hakamirwa bituma imbeba, isazi n'inyenzi ziza kuhashakira ibyo kurya, bityo bigashobora gutera umwanda n'udukoko mu mata.





Ugomba gukaraba  
intoki ukoresheje isabune  
n'amazi meza mbere yo  
gukama. Ugomba gukaraba  
amazi meza n'isabune



Ugomba kandi guhanagura  
icebe ukoresheje  
agatambaro kumutse  
kandi gafite isuku



Ugomba koza icebe  
ukoresheje agatambaro  
gafite isuku n'amazi  
y'akazuyazi.





Iyo utangiye  
gukama amata ya mbere  
uyakamira mu gikombe  
ukabanza ukareba ko  
atarimo ibimenyetso  
by'ifumbi maze ukayamena  
kure y'aho ukamira n'iyo  
yaba asa neza.



Ibyo ukamiramo bigomba  
igihe cyose kuba bifite  
isuku.

Ntugomba gukama mugihe urwaye indwara zandura nk'impiswi, igituntu cyangwa tifoyidi, ahubwo ugomba kubanza kwivuzza akazongera gukama wakize neza.



Ntugomba kuvanga umuhondo (amata yakamwe mu gihe cy'iminsi irindwi inka imaze kubyara) n'andi mata asanzwe.

Umukamyi agomba kuba afite isuku kumyenda no ku mubiri.



Inka zirwaye ifumbi zigomba gukamwa nyuma y'izindi kandi amata yazo akamenwa. Amata yakamwe inka zirimo kuvurishwa antibiyotiki ntagomba kugurishwa cyangwa ngo anyobwe kugeza hashize iminsi itatu nyuma yo kurangiza kuvurwa cyangwa hagakurikizwa amabwiriza ya muganga w'amatungo w'umwuga.

Igihe urimo gukama ntugomba:


- (a) kuba ufite inzara ndende,
- (b) kwitsamura, gucira cyangwa gukorora,
- (c) ntugomba no kunywa itabi.

Igihe cyose nyuma yo  
gukama, ugomba kogesha  
imoko umuti (teat drip)  
uzirinda kuba hajyamo  
udukoko.



❖ Iyo umaze gukama ukura inka aho wayikamiye.

- ❖ Iyo umaze gukama amata urayayungurura ukoresheje akayunguruzo cyangwa igitambaro gafite isuku kugirango ukuremo imyanda yaba yagiyemo nk'ubwoya mu gihe cyo gukama.
- ❖ Ugomba gupfundikira amata kugirango atandura.
- ❖ Amata uyatereka ahantu hafite isuku kandi hafutse.
- ❖ Pfundikira amata kugirango atandura
- ❖ Kuraho amata asigara murugo y'abana, umugabo n'umugore.
- ❖ Ihutire kugemura amata asigaye kuko agomba kuba ageze kw'ikusanyirizo nibura amasaha abiri agikamwa



*Pfundikira amata kugirango atandura*



## Icyitonderwa:

Inka zirwaye ifumbi zigomba gukamwa nyuma y'izindi kandi amata yazo akabikirwa;

Iyo utangiye gukama amata ya mbere uyakamira mu gikombe ukabanza ukareba ko atarimo ibimenyetso by'ifumbi (ukayabogora kure y'aho ukamira).





IGICE CYA **GUPIMA IFUMBI**  
3

**Content  
needed**

## IGICE CYA

### 4

## GUTUNGANYA AMATA HITawe KU ISUKU

Amata ni ikinyobwa cyangirika vuba. Ni ngombwa rero ko mu gihe cyo kuyatunganya ibi bikurikira bigomba kwitaho kugirango ubashe kubungabunga ubwiza bw'amata yawe mu gihe cyo kuyabika no kuyatwara.




Umworozi agomba kubika amata mu bintu bikoze mu cyuma kitarwara ingese nka aluminiyumu kandi bifite isuku.

*Stainless steel 304*

Iyo ushaka gukura amata mu gicuba kimwe uyashyira mu kindi, urayabuganiza ntabwo uyadaha. Kudaha bishobora gutuma hajyamo udukoko tuyatera kwangirika.

Umworozi yirinda kubika amata ahantu hashyushye kandi igihe kirekire mbere yo kuyageza ku ikusanyirizo. Amata agomba kuba yagejejwe ku kusanyirizo mugihe kitarenze amasaha abiri akamwe.

Mu gihe habayeho gutinda guteka cyangwa kugemura amata, amata aterekwa mu kintu kirimo amazi akonje cyangwa igicuba kirimo amata ukagifunikisha ikiringiti gitose ariko igicuba kigomba kuba gifundikiye neza kugirango amata atajyamo umwanda



## Icyitonderwa

Ntugomba kubika amata mu majerikani ya purasitiki (Plastique) cg utubido byaba ibyavuyemo irangi, imiti cyangwa ari bishya kubera ko bidakorerwa isuku neza bityo bigatuma udukoko tworokeramo, amata akangirika vuba cyane.

# IGICE CYA **ISUKU Y'IBIKORESHO**

4

## Isuku y'ibikoresho

---



*Umukamyi agomba kurangwa  
n'isuku igihe agiye gukama*



*Umukamyi agomba kugira  
aho gukarabira intoki*



*Agomba guhora asa neza,  
atibagiwe imyambaro ye*




***Kirazira:***  
***Kwitsamura, gucira***  
***cyangwa gukorora ahagereye***  
***ibikoresho by'amata***



***Kirazira:***  
***Kunywera itabi***  
***ahagereye amata cyangwa***  
***ibikoresho byayo***



***Kugira***  
***inzara ndende***



***Ubwiherero bugomba kuba***  
***bwitaruye, busukuye kandi***  
***bupfundikirwa***

## Ibyo kwitondera by'umukamyi



*Gukoresha ibyansi byo  
gukamiramo byabugenewe  
bitagwa umugese kandi  
byoroshye koza*



*Koza neza ibikoresho  
n'amazi meza n' isabune  
cyangwa n' imiti yo koza  
yabugenewe*



*Kunyuguzwa neza  
n'amazi ashyushye  
ibyansi n'ibicuba  
by'amata*



*Kubika ibikoresho  
n'ibyansi ku gatandaro*



*Gutereka ibyansi  
n'ibikoresho ahantu hasukuye  
kandi bipfundikiye*



## GUTWARA AMATA

(Umwikorezi/Umucunda/Umudongi)

Amata aguriwe ku kiraro/urwuri (farm) atwarwa ku ikusanyirizo cyangwa se mu makaragiyo ari mu byansi cyangwa ibicuba bikoze muri aluminiyumu.







- ❖ Abantu bose bahura n'amata iyo arimo gutwarwa (abacunda, abashoferi, abafasha abashoferi hamwe n'abakarani ngufu) bagomba kuba bafite isuku kandi bakambara imyambaro yabugenewe buri gihe barimo gufata amata.
- ❖ Ibicuba ndetse n'ikinyabiziga gitwara amata bigomba kuba bisukuye igihe cyose.
- ❖ Rinda amata imirasire y'izuba kandi ntuyashyire ku zuba igihe kirekire.
- ❖ Irinde kugenda uzunguza amata mu gihe arimo gutwarwa. Ibi byagerwaho ugabanyije umwanya wo hejuru iyo ibicuba wabyujuje uko bikwiye.
- ❖ Ntugomba kwemera ko haboneka igifuro iyo urimo gushyira amata mu bicuba kuko umwuka utuma amata yangirika.
- ❖ Ku igare ushobora gutwaraho ibyansi by'amata bya litiro 50 bitarenze bibiri. Ibirenzeho bitwarwa mu modoka itikoreye undi muzigo.
- ❖ Amata ntagomba kurenza amasaha abiri kuva akimara gukamwa kugera ku ikusanyirizo.



*Umukamyi n'umucunda  
bagomba kubahiriza isuku  
rusange y'amata*



*Kuyungururira amata mu  
bicuba bisukuye hakoreshejwe  
akayunguruzo kabugenewe katagwa  
umugese kandi gafite isuku.*



*Kwihutira kugeza  
amata ku ikusanyirizo  
( Bitarenze isaha 1)*


## IGICE CYA

6

# UBURYO BW'IBANZE BWO KUGENZURA UBWIZA BW'AMATA

Hari uburyo bune bw'ibanze bwo kugenzura ko amata ari meza:

- 1 Kwitegereza no kwihumuriza;
- 2 Gukoresha arukoru (alcohol) hapimwa umubanji (arukoru ya 75%-80%);
- 3 Gukoresha igipimo cyagenewe gupima ireme ry'amata (1.026-1.032)
- 4 Gupima ibisigazwa by'imiti yatewe inka;





Ubu buryo bwo kugenzura ubwiza bw'amata busanzwe bukoreshwa ku makusanyirizo y'amata kugirango bamenye niba amata yakiriwe ari meza koko.

Ubusanzwe muri uko kugenzura bafata amata make kuri buri gicuba akaba ari yo bapima. Basanze atari meza, amata yose ari muri icyo gicuba ntaba yemewe bityo agahombya nyirayo. Niyo mpamvu rero amata agomba kwitabwaho hakurikijwe uburyo bwiza.



REPUBULIKA Y'U RWANDA



MINISITERI Y' UBUHINZI N' UBWOROZI

**IBIKUBIYE MU ITEKA  
RYA MINISITIRI  
RIGENGA UBURYO  
BWO GUKUSANYA,  
GUTWARA NO  
GUCURUZA AMATA**

**IBIKUBIYE MU ITEKA RYA MINISITIRI  
RIGENGA UBURYO BWO GUKUSANYA,  
GUTWARA NO GUCURUZA AMATA**

**UMUSHINGA W' ITEKA RYA MINISITIRI N°.....  
RYO KUWA ...../...../2015 RIGENGA UBURYO  
BWO GUKUSANYA, GUTWARA NO GUCURUZA  
AMATA**

**Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi;**

Ashingiye ku itegeko No 54/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rigena uburyo bwo kwirinda no kurwanya indwara zanduzwa amatungo mu Rwanda cyane cyane mu ngingo zaryo 151 na 152;

Murwegorwokubahiriza isukuy'amata nokurengera ubuzima rusange bw'abantu n'amatungo;

Inama y'Abaminisitiri yo kuwa ...../...../2015 yateranye imaze kubisuzuma no kubyemeza;

**ATEGETSE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije**

Iri teka rigamije gutanga imirongo ngenderwaho irebana no gukusanya, gutwara no gucuruza amata.



## ***Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo***

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanura:

1. Amata: umukamo ukomoka ku nka yakamwe kuva ku minsi irindwi (7) nyuma yo kubyara kugeza nibura ku minsi mirongo itatu (30) mbere y'uko yongera ibyara.
2. Umuhondo: amata inka ikamwa mu minsi ya mbere irindwi (7) nyuma yo kubyara;
3. Ikusanyirizo ry'Amata: ahantu hakusanyirizwa amata kugira ngo apimwe ubuziranenge mbere y'uko agurishwa. Ikusanyirizo rishobora kuba riciriritse rigizwe n'ahakusanyirizwa amata gusa cyangwa rikaba irya kijyambere rigizwe n'inyubako n'ibikoresho byabugenewe.
4. Ahacururizwa/ ahanywererwa amata: inzu iyo ari yose icururizwamo amata yujuje ibisabwa n'aya mabwiriza
5. Umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata: umukozi w'urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano.

## UMUTWE WA II: GUKUSANYA AMATA

### ***Ingigo ya 3: Ahakusanyirizwa amata***

Amata akusanyirizwa ahantu ashobora gupimirwa ubuziranenge kandi akarindwa kwangirika mbere y'uko agurishwa. Aho hantu hashobora kuba hubatswe ku buryo bwa kijyambere cyangwa buciriritse.

### ***Ingigo ya 4 : Ibyo inyubako y' ikusanyirizo ry'amata rya kijyambere igomba kuba yujuje***

Buri kusanyirizo ry'amata rya kijyambere rigomba kugira inyubako:

- 1° ifite pavoma y'amakaro akomeye, atanyerera, yubatswe kuburyo amazi atareka binoroshye gusukura;
- 2° ifite inkuta z'amakaro yera kugeza ku buhagarike bungana na metero ebyiri (2);
- 3° ifite umwuka n'urumuri bihagije n'amadirishya ariho utuyunguruzo two kurinda isazi n'utundi dukoko kwinjira;
- 4° ifite igisenge gikomeye kandi cyubakishijwe ibikoresho byabugenewe gikumira imihinda-gurikire y'ubushyuhe, udukoko ndetse n'indi myanda iva ku idari;





- 5° ifite isakaro rigari rikozwe mu bikoresho byabugenewe kugira ngo rikumire ukuvirwa kw'inyubako;
- 6° ifite ingarani yabugenewe;
- 7° ifite amazi meza kandi ahoraho
- 8° yitaruye nibura metero magana abiri (200) y'ahantu hari umwanda;
- 9° igomba kuba ifite umuriro w'amashanyarazi cyangwa moteri itanga umuriro
- 10° rifite uruzitiro rukomeye.
- 11° icyumba cy'aho amata asuzumirwa ubuziranenge gifite ibikoresho byose;
- 12° icyumba cy'aho amata akonjesherezwa;



### ***Ingingo ya 5: Ibisabwa ahakusanyirizwa amata haciriritse***

---

Ahakusanyirizwa amata haciriritse hagomba kwita kuri ibi bikurikira:

- Kuba hafi y'umuhanda
- Ahakorerwa hagomba kuba hadatumuka ivumbi
- Nibura inyubako igomba kuba itanga igicucu
- Gukoresha ibicuba n'ibikoresho bifite isuku
- Kwirinda gutindana amata mu gihe nta buryo bwo kuyakonjesha buhari

### ***Ingingo ya 6: Ibikoresho byo gupima amata***

---

Buri hantu hakusanyirizwa amata hagomba kuba hafite ibikoresho byo gupima ubuziranenge bw'amata bikurikira:

- 1° akuma gapima umubanja;
- 2° akuma gapima ireme bwite ry'amata;
- 3° akuma gapima ubushyuhe;

### ***Ingingo ya 7 : Gukusanya amata***

---

Amata yose agenewe gucuruzwa agomba gukusanyirizwa ku ikusanyirizo ry'amata cyangwa ku ikaragiro kugirango apimwe ubuziranenge.

Ugura amata yo gucuruza agomba kugira ibikoresho bipima ubuziranenge byavuzwe mu ngingo ya 6.

### ***Ingingo ya 8 : Umukozi ushinzwe gupima ubuziranenge bw'amata***

---

Ahantu hose hakusanyirizwa amata hagomba kugira umutekenisiye wabihuguriwe ushinzwe gupima ubuziranenge bw'amata.

## **UMUTWE WA III: GUTWARA AMATA**

### ***Ingingo ya 9 : Gutwara amata***

---

Umuntu wese utwara amata agomba gukoresha ibicuba bikoze mu cyuma kitagwa umugese gipfundikiye neza n'umufuniko wacyo cyangwa imodoka zagenewe gutwara amata zifite itanki ikonjesha ku bipimo bigenwa n'amabwiriza y'ubuziranenge bw'amata.

Umuntu wese ukora umwuga wo gutwara amata yo gucuruza ayavanye ku ikusanyirizo agomba kuba abifitiye uruhushya rutangwa n'urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano.

Amata yose aturutse ku ikusanyirizo ahabwa

icyangombwa cyemeza aho aturutse gitangwa n'ikusanyirizo.

Icyo cyangombwa kigomba kugaragaza ibi bikurikira:

- Umwirondoro w'ikusanyirizo,
- Amazina y'uyatwaye n'aho ayajyanye
- Ingano n'ibipimo by'amata
- Itariki, amazina, n'umukono by'umukozi ushinzwe ubuziranenge bw'amata

#### UMUTWE WA IV: ICURUZA RY'AMATA

##### ***Ingingo ya 10 : Uruhushya rwo gucuruza amata***

Umuntu wese wifuza gucuruza amata agomba kubisabira uruhushya ku nzego zibishinzwe ku buryo bukurikira:

1. Uruhushya rwo gucuruza amata ku rwego rw'ikusanyirizo rutangwa n'urwego rufite mu nshingano ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo
2. Uruhushya rwo gucuruza amata ku rwego rwa kioske rutangwa n'ubuyobozi bw'umurenge kioske iherereyemo hakurikijwe ibisabwa n'iri teka.

### ***Ingingo ya 11 : Ibyo amata acuruzwa agomba kuba yujuje***

---

Amata acuruzwa agomba kuba yujuje ibisabwa n'amabwiriza y'ubuziranenge bw'amata by'ibanze bikurikira:

- Ireme bwite rya 1,026-1,032 ku bushyuhe bwa dogere selisiusi makumyabiri (20oC)
- Afite ubusharire rusange (pH) buri hagati ya 6,68 na 6,80

### ***Ingingo ya 12: Ibikoresho***

---

Nyiri ahacururizwa amata wese agomba kuba afite ibikoresho by'ibanze bikurikira

- 1° amasafuriya atagwa umugese, yoroshye gusukura, kandi bitabika imyanda, za mikorobe cyangwa udukoko dutera indwara ;
- 2° ibikombe n'ibirahure;
- 3° amabase n'indobo bikoze mu bintu bitagwa umugese, byoroshye gusukura kandi bitabika imyanda, bidafasha kwiyongera kwa za mikorobe cyangwa udukoko dutera indwara ;
- 4° umubirikira wabugenewe;



5° akayunguruzo kabugenewe;

6° uduhanagura ntoki.;

7° firigo;

8° ibicuba by'amata bitagwa umugese;

9° akabati;

---

10° ameza

Muri iri teka, ibikoresho bivugwa haruguru bigomba kuba bitagoranye gusukura kandi bigakoreshwa ku mata gusa.

### UMUTWE WA V: UBUGENZUZI BW'UBUZIRANENGE BW'AMATA N'IBIYAKOMOKAHO

#### ***Ingingo ya 13: Kugenzura ubuziranenge bw'amata***

---

Amata yujuje ubuziranenge niyo yemewe gucuruzwa mu Rwanda. Agezwa ku ikusanyirizo, ikaragiye cyangwa aho acururizwa hubahirijwe ibisabwa n'iri teka

Ubugenzuzi bw'ubuziranenge bw'amata ku makusanyirizo n'ahandi hose hacururizwa amata bukorwa n'umugenzuzi w'urwego rufite ubugenzuzi bw'ibicuruzwa bikomoka ku matungo mu nshingano zarwo.

### **Ingingo 14: Kugenzura ibikomoka ku mata**

Ubugenzuzi bw'ibikomoka ku mata birimo foromage, yawurute n'amavuta; aho bitunganyirizwa n'aho bicururizwa bukorwa hakurikijwe ibikubiye mu mabwiriza y'ubuziranenge bwabyo.

### **Ingingo ya 15 : Kwihanangiriza**

Iyo umugenzuzi afite ibimenyetso ashingiraho ko amata ari ahantu hashobora kuyahumanya, ashobora kwihanangiriza akoresheje inyandiko, uwo bireba cyangwa umuhagarariye wemewe, amusaba kuzuzamo ibibura yashyize mu nyandiko.

Inyandiko ivuzwe mu gika kibanziriza iki, igomba kuba igaragaza igihe ntarengwa uwo bireba asabwa kuba yamaze kuzuzamo ibisabwa bikubiye muri icyo nyandiko.

### **Ingingo ya 16: Ihagarikwa ry'agateganyo ry'uri mu ruhererekane rw'amata**

Mu rwego rwo kurengera ubuzima rusange bw'abaturage, umugenzuzi ashobora guhagarika by'agateganyo umuntu wese uri mu ruhererekane rw'amata utujuje ibisabwa bijyanye no gukusanya, gutwara cyangwa gucuruza amata kugeza igihe yujuriye ibisabwa.

Umugenzuzi uhagaritse by'agateganyo uri mu ruhererekane rw'amata hakurikijwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, amenyesha urwego rufite ubugenzuzi bw'ibikomoka ku matungo mu nshingano zarwo n'ubuyobozi bwatanze uruhushya rwo kujya mu ruhererekane rw'amata mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) ibyemezo byafashwe, ibyakozwe kimwe n'ibiteganywa gukorwa bigamije kuzuza ibisabwa.

Uwahagaritswe by'agateganyo yongera gukora ari uko urwego rwamuhagaritse rwemeje mu nyandiko ko yujuje ibyo yasabwe.

### **Ingingo ya 17: Raporo y'ubugenzuzi bw' amata**

Umugenzuzi w'ubuziranenge bw'amata ategura raporo y'ubugenzuzi akayohereza urwego rufite ubugenzuzi mu nshingano.

Raporo y'ubugenzuzi itangwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) uhereye ku munsu ubugenzuzi bu-rangiriye.

Icyakora, mu gihe byihutirwa, umugenzuzi atanga raporo y'ubugenzuzi mu masaha mirongo ine n'umunani (48) akimara gukora ubugenzuzi kugira ngo hafatwe ibyemezo bikwiye.





## UMUTWE WA VI: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

### ***Ingingo ya 18 : Igihe cy'inzibacyuho***

Abafite aho baturira n'ibyo iri teka riteganyaho bahawe igihe cy'amezi atandatu (6) ngo babe babyubahirije. Iki gihe kibarwa uhereye umunsi iri teka ritangarijwe mu igazeti ya Repubulika y'u Rwanda.

### ***Ingingo ya 19: Igihe iri teka ritangira gukurikizwa***

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda

**Kigali, ku wa .....**

**MUKESHIMANA Gérardine**  
**Minisitiri w'Ubuhanzi n'Ubworozi**

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

**BUSINGYE Johnston**  
**Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta**

